




PreK 4 ME Uguhuza imiryango

IGICE CYA 3: UMUYAGA N'AMAZI

Ishusho rusange y'Igice cya 3: Umuyaga n'amazi

Mu gutangira igice cya 3, turaba dukomeza kureba no kubakira ku bumenyi dusanzwe dufite mu mibanire twabonye uyu mwaka. Dutangiye kwiga ibintu bishya bishingiye ku isomo ry'ubumenyi tureba ibirebana n'iteganyagihe ndetse n'aho rihurira n'imibereho y'abantu n'inyamaswa. Tuzafata umwanya dutekereze tunarebere hamwe amagambo akore-shwa mu birebana n'isomo ry'ubumenyi mu buryo bwinshi! Tuzakomeza kwigira hamwe ibirebana n'uburyo amagambo agenda agira ijwi risa, uko inyuguti zibyara amajwi ndetse no kubara twifashishije imyitozo ifatika kandi ituma abana bagira uruhare mu bikorwa. Iki gice kirangira "Hamurikwa neza ibyigwa" duha abanyeshuri umwanya wo kuvuga ku byo bize mu gice kirebana n'Umuyaga n'Amazi. Hari ibindi byinshi wasoma!

IGICE CYA 3 IBITABO BIHARI (MU CYONGEREZA)




Gilberto and the Wind

Cyanditswe na : Mare Hall Ets

Rabbits and Raindrops

Cyanditswe na : Jim Arnosky




The Snow Day

Cyanditswe na : Ezra Jack Keats



Thunder cake

Cyanditswe na Patricia Polacco



Amashusho yavuye kuri amazon.com

Ibindi bitabo wasoma muri uku kwezi. Birimo: ...

Time for Bed Cyanditswe na Mem Fox

A Hat for Minerva Louise

Cyanditswe na Janet Morgan Stoeke

Living Things Need Water

Cyanditswe na Bobbie Kalman

Swimmy Cyanditswe na Leo Lionni

Indirimbo, udukino tw'amagambo n'inyuguti

Iyi ni indirimbo ifite umujyo utuma amajwi agenda yisubiramo tuziga- ugomba kugerageza kuyiririmba uri kumwe n'umwana ukajya ubasaba gukoresha ikiganza cyabo bakabikwerekala!

Udutoki 10

Mfite udutoki 10 kandi twose ni utwanjye (zamura intoki hejuru mu kirere)

Nshobora kuzifashisha mu byo nkora. Mbikwereke?

Nshobora kuzifunga cyangwa nkazitandukanya cyane uko nshaka.,

Zifatanye cyangwa zihishe.

Nshobora kuzizamura vuba zijya hejuru,

Nshobora kuzireka zikamanuka zijya hasi

Nshobora kuzifungira hamwe buhoro buhoro gutyo gutyo .



Ishusho ya xaly

Reba akandi gace : hari indi myitozo bakorera mu rugo



Dore indi myitozo yo gufasha abana kwigira mu rugo !

Uyu mwitozo ufasha kwiga neza ibirebana n'uburyo bw'imyigire, kwiga imibare n'indimi, no kwiga gusoma no kwandika

Ibira cyangwa reremba

Uyu ni umwitozo dukorera mu ishuri, nawe wawukoresha mu rugo. Fasha umwana wawe kuzana utuntu nk'icumi azane n'utuzi duke. Mubwire atubare ari nako atunga urutoki kuri buri kantu. Mubaze niba buri kantu agashize mu mazi kakibira cyangwa kareremba. Basabe basobanure impamvu. Ushobora no kubasaba gukora urutonde rw'ibyibira n'ibireremba, noneho bakanasobanura impamvu bigenda bityo.

Uyu mwitozo ufasha kwiga neza Ubumenyi, gukoresha imikaya y'ikiganza no gusoma no kwandika

Kora igishushanyo cy'iteganyagihe

Wifashishije igishushanyo kiri hasi, bwira umwana ashushanye ibigize iteganyagihe rishoboka. Bafashe kuri buri gashushanyo bashyireho ijambo risobanura icyo gihe. Muganire ku bintu abona iyo afunguye urugi cyangwa idirishya buri gitondo. Noneho nahuze iteganyagihe n'igishushanyo. Muvuge ku bicu, ubushyuhe, imvura, urubura!


Uyu mwitozo ufasha kwiga neza ubu- geni, ubumenyi, gukoresha imikaya y'ikiganza n'uburyo bw'imyigire

Kora ibishushanyo

Koresha rimwe mu ivanga ry'ibintu nkuko byavuzwe hasi—ibyo byaterwa n'ibyo kwifashisha waba ufite noneho ukorane n'umwana wawe, mukore ibintu bikurikira:

1. Uruvange rw'ibintu: Ibiyiko 2 by'ifu na 1/4 cy'agakombe k'amavuta (akoze mu mboga, ya elayo, cyangwa asigwa abana—yose arakora). Muvangavange noneho mutangire mukoremo ikintu!
2. Uruvange rw'irange: Vangavanga gake gake umuti wisiga cyangwa usiga undi ugiye kumwogoshya na 1/3 cy'agakombe ka kole. Urwo ruvange ruhita rufatana neza—bimeze nk'ibicu!

Image from brigidailylessonlog.blogspot.com



Ijambo rigomba kugezwa ku babyeyi n'imiryango: Ubuzima buzira umuze

Hari uburyo bwinshi bwo kwigisha abana uko wagira ubuzima buzira umuze. Dore bimwe mu byo bagenderaho byavuye muri CDC:

- ⇒ Gusangira n'umwana aho bishoboka. Ugomba kureka umwaka akareba ukuntu ukunda kurya imbuto, imboga, impeke mu bintu byose urya. Ubwo umwana ntabwo yajya aya cyangwa ngo anywe ibintu byinshi byongewemo amasukuri, ibinure n'umunyu.
- ⇒ Ntabwo ugomba gushyira televiziyo mu cyumba cy'umwana. Ntabwo umwana agomba kureba televiziyo igihe kirenze isaha mu muni kandi areba ibintu byiza. Ibyo ni ukuvuga mu rugo, ku ishuri na nyuma yo kuva ku ishuri. Ugomba no kugena gahunda mukoresha mu muryango wanyu ku birebana n'isakazamakuru.
- ⇒ Umwana wawe ugomba kumushakira ibintu byo gukinisha biberanye n'imyaka afite nk'imipira cyangwa ibindi bikoze muri pulasitiki. Ariko umwana utaratangira ishuri uramureka agakina ibyo ashaka. Bituma ajya hirya no hino, akabikora ashishikaye kandi bimushimishije.
- ⇒ Ugomba gufasha umwana gusinzira amasaha menshi uko bikwiye buri joro: abataratangira ishuri (imyaka 3-5) amasaha 10-13 mu muni ushyizemo no kuryama saa sita.